
# UMUVUNYI MAGAZINE

NOMERO IDASANZWE 45

*Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuvunyi gishishikariza Abaturarwanda gukumira no kurwanya Akarengane na Ruswa*




GITANGIRWA UBUNTU


IJAMBO RY'IBANZE

TURWANYE AKARENGANE

TURWANYE RUSWA

INAMA, UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

IMIYOBORERE MYIZA

IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

INKURU ISHUSHANYIJE


www.ombudsman.gov.rw / E-mail: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

Guhamagara ku buntu : 199 / Kohereza ubutumwa ku buntu: 1990

# IBIRIMO



17



18




20



23



31




35


## I. IJAMBO RY'IBANZE

| | |
|---|---|
| TUMENYE URWGO RW'UMUVUNYI | 3 |
| INSHINGANO Z'URWEGO RW'UMUVUNYI | 3 |

## II. TURWANYE AKARENGANE

| | |
|---|---|
| IMIKORANIRE Y'URWEGO RW'UMUVUNYI N'IZINDI NZEGO IMAZE GUTANGA UMUSARURO MU GUKEMURA IBIBAZO BY'AKARENGANE. | 5 |
| IMANZA ZISABIRWA GUSUBIRISHWAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE NI IZIHE? IZIDASABIRWA GUSUBIRISHWAMO ZO NI IZIHE? (IGICE CYA II) | 7 |
| UBURYO GUSABA GUSUBIRISHAMO URUBANZA KU MPAMVU Z'AKARENGANE BIKORWA | 7 |
| TUMENYE IMANZA ZIDASHOBORA GUSABIRWA GUSUBIRWAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE | 7 |
| URWEGO RW'UMUVUNYI RWAKOZE UBUKANGURAMBAGA BWO GUKUMIRA NO KURWANYA AKARENGANE MU TURERE TUNYURANYE TURIMO N'UTUGIZE UMUJYI WA KIGALI | 9 |

## III. TURWANYE RUSWA

| | |
|---|---|
| HITEZWE IKI KURI KOMITE ZO GUKUMIRA NO KURWA RUSWA MU NZEGO Z'ABIKORERA N'IZIGENGA "ANTI-CORRUPTION COMMITTEES" | 12 |
| ESE RUSWA IZACIKA KOKO? | 14 |
| UBUSHAKASHATSI BWA "TRANSPARENCY INTERNATIONAL" KURI RUSWA | 14 |
| IMBONERAHAMWE IKURIKIRA IGARAGAZA UKO IBIHUGU BY'AFURIKA BIHAGAZE MU RWEGO RW'ISI, DUFATIYE KU MYAKA ITATU ISHIZE (2019-2021). | 14 |

## IV. INAMA, UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

| | |
|---|---|
| U RWANDA RWAKIRIYE INAMA YA 12 Y'ABAKURU B'INZEGO ZISHINZWE KURWANYA RUSWA MURI COMMONWEALTH AFRICA YABAYE TARIKI YA 3 KUGEZA KU YA 6 GICURASI 2022 | 17 |
| U RWANDA RWATOREWE KUYOBORA IHURIRO RY'IBIHUGU BIKORESHA URURIMI RW'ICYONGEREZA, ISHAMI RYA AFURIKA (COMMONWEALTH AFRICA) | 20 |
| URWEGO RW'UMUVUNYI RWASINYANYE AMASEZERANO Y'UBUFATANYE N'URWEGO RUFITE MU NSHINGANO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MURI QATAR | 23 |

## V. IMIYOBORERE MYIZA

| | |
|---|---|
| TWITOZE KUGIRA UMUCO N' INDANGAGACIRO Y'UBUNYANGAMUGAYO WO KUTARAGIRA IMITUNGO Y'ABAYIHISHE NO GUTANGA AMAKURU KU BAYANDITSEHO. | 25 |
| ESE KUDASOBANURA INKOMOKO Y'UMUTUNGO NI ICYAHA CYA RUSWA? | 25 |
| KURAGIRA IMITUNGO Y'ABAYIHISHE BIGIRA IYIHE NGARUKA? | 26 |
| NI IKI CYAKORWA KUGIRANGO UYU MUCO MUBI UCIKE? | 26 |

## VI. IBIKORWA BY'URWEGO R'WUMUVUNYI

| | |
|---|---|
| URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHUGUYE ABUNZI KU BUBI BWA RUSWA N'AKARENGANE BASHISHIKARIZWA KWANGA UMUGAYO | 28 |
| URWEGO RW'UMUVUNYI RURASABA ABAKORERA MU TURERE TWA KARONGI, NGOMA NA RUBAVU GUKAZA INGAMBA ZO KURWANYA RUSWA N'ABAYOBOZI BAKAGIRA IMYITWARIRE IBONEYE | 28 |
| URWEGO RW'UMUVUNYI RWAHUGUYE ABANYAMAKURU BAKORERA MU TURERE TWA HUYE, MUHANGA NA GICUMBI HAMWE N'URUBYIRUKO RWIBUMBIYE MU MASHYIRAHAMWE YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MURI UTWO TURERE | 30 |
| URWEGO RW'UMUVUNYI RWATANGIYE IBIKORWA BYO KWIGISHA INDANGAGACIRO ZO KWANGA, GUKUMIRA NO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MU MASHURI YISUMBUYE. | 31 |
| URWEGO RW'UMUVUNYI RWAKOZE UBUKANGURAMBAGA BWO KURWANYA AKARENGANE MU TURERE TWA RULINDO, NYANZA, HUYE, RUTSIRO NA GAKENKE HANAKIRWA IBIBAZO BY'ABATURAGE 266 | 32 |

## VII. INKURU ISHUSHANYIJE

# IJAMBO RY'IBANZE

**TUMENYE URWEGO RW'UMUVUNYI**

Kuva muri Kanama 2021, Itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi ryarahinduwe ruhabwa inshingano n'ububasha birufasha kuzuza icyo Igihugu n'abaturage barutegerejeho; ni Itegeko n° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi (Igazeti ya Leta n° 32 ter yo ku wa 30/08/2021). Muri iyi nyandiko, turibanda ku nshingano n'ububasha byarwo.

**Inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi**

Urwego rw'Umuvunyi rwagengwaga n'Itegeko nº 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi. Muri iri tegeko, harimo inshingano nyinshi zigera kuri 16, zimwe ugasanga zijya guhura, izindi zihuye n'iz'izindi nzego cyangwa ibigo bya Leta byagiyeho nyuma y'umwaka wa 2013.

Ni muri urwo rwego, ingingo ya 4 y'Itegeko nº 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 iteganya inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi zikurikira:

1. Gukumira no kurwanya akarengane na ruswa;

2. Gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa;

3. Gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe;

4. Kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo;

5. Kugira inama Guverinoma mu gushyiraho no guteza imbere politiki n'ingamba byo gukumira, kurwanya no guhana akarengane na ruswa;

6. Gukurikirana uko politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa bishyirwa mu bikorwa;

7. Gushyikirana no gukorana n'inzego zo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga bihuje inshingano;

8. Gushyira mu bikorwa izindi nshingano rwahabwa n'itegeko.

**Muri izi nshingano zavuzwe haruguru, hagaragara ko Urwego rw'Umuvunyi rugomba kwibanda ku ngingo zikurikira:**

- Gukumira akarengane na ruswa no gutoza Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika arahiza Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine, yasabye ko Urwego rw'Umuvunyi rugomba kongera imbaraga mu kwigisha abaturarwanda uburenganzira bwabo, amategeko abarengera bakayumva kandi bakayamenya, bakamenya n'izindi nzego bashobora kwiyambaza. Byongeye kandi, icyaha cya ruswa ni icyaha kiba mu bwihisho, utanga n'uwakira bombi bafite inyungu zitandukanye, akaba ari yo mpamvu gukumira ari ingenzi (prevention is better than cure);

- kurwanya akarengane na ruswa, gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe;

- kwakira no kugenzura imenyekanishamutungo, rushyira mu bikorwa Itegeko n° 55/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga imenyekanishamutungo cyane cyane ko na bwo ari uburyo bwo gukumira ruswa;

- gushakisha ibyuho bya ruswa no gukurikirana uko politiki n'ingamba byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa bishyirwa mu bikorwa;

- gushyikirana no gukorana n'inzego zo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga.

Ububasha bw'Urwego rw'Umuvunyi

Mu Itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi rwagenderagaho, harimo ububasha butandukanye. Ububasha Urwego rw'Umuvunyi rwahawe n'Itegeko N° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi ni

# IJAMBO RY'IBANZE

ubu bukurikira:

- Kwakira, gusuzuma no gukurikirana ibibazo, ibikorwa n'ibyemezo byerekeranye n'akarengane: kugira ngo Urwego rw'Umuvunyi rukumire akarengane kandi rwuzuze inshingano yo gusuzuma no gukora igikwiye ku bibazo by'akarengane na ruswa bitakemuwe n'inzego zibishinzwe, rwahawe ububasha bwo kwakira, gusuzuma no gukurikirana ibibazo, ibikorwa n'ibyemezo byerekeranye n'akarengane. Ni ububasha rukoresha mu irangiza ry'inshingano zarwo, rugakorana kandi rukuzuzanya n'izindi nzego ariko rukirinda kwivanga mu mikorere yazo (ingingo ya 25). Ubu bubasha bugirwa n'Inzego zishinzwe kurwanya akarengane nka Ombudsman, Médiateur, Public Protector, Protecteur du Citoyen n'izindi ;

- Kwakira, gushakisha, gukurikirana no gusesengura amakuru kuri ruswa no gushyikiriza ibyagaragaye inzego bireba: Urwego rw'Umuvunyi ntirugifite ububasha bw'ubugenzacyaha n'ubw'ubushinjacyaha ariko rwahawe n'Itegeko N° 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 ubwo kwakira, gushakisha, gukurikirana no gusesengura amakuru kuri ruswa no gushyikiriza ibyagaragaye inzego bireba;

- Gukurikirana ibibazo by'akarengane na ruswa rwashyikirije inzego kugira ngo bikurikiranwe cyangwa bikemurwe: ku bibazo by'akarengane n'amakuru ya ruswa byashyikirijwe Inzego, Urwego rukurikirana icyakozwe, rugahabwa raporo (follow up);

- Kwaka inzego za Leta, izindi nzego cyangwa umuntu wese inyandiko, ubuhamya cyangwa ibisobanuro bikenewe mu gusuzuma ibibazo by'akarengane na ruswa: mu rwego rwo kuzuza inshingano zavuzwe haruguru, Urwego rw'Umuvunyi rwahawe ububasha bwo kwaka inzego za Leta, izindi nzego cyangwa umuntu wese inyandiko, ubuhamya cyangwa ibisobanuro bikenewe mu gusuzuma ibibazo by'akarengane na ruswa. Inyandiko zisabwa cyane cyane ni izitangwa n'amabanki, ibigo by'itumanaho, iyandikisha ry'ubutaka, iry'amasosiyete, iry'imodoka n'ibindi binyabiziga n'izindi;

- Gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, mu gihe rusanga harimo akarengane, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga: Urwego rw'Umuvunyi rwahawe ububaha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma nk'uko biteganywa n'Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, cyane cyane ingingo ya 59 ivuga ibyerekeye gusuzuma akarengane.

Urwego rw'Umuvunyi rwahawe inshingano n'ububasha bizarufasha kugera ku ntego rwahawe no gukomeza kurwanya akarengane na ruswa.



**Umwanditsi: BIRASA Jacques Fiscal**






# TURWANYE AKARENGANE

## IMIKORANIRE Y'URWEGO RW'UMUVUNYI N'IZINDI NZEGO IMAZE GUTANGA UMUSARURO MU GUKEMURA IBIBAZO BY'AKARENGANE.



*Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Madamu Yankurije Odette ari kumwe na bamwe mu Bayobozi b'Inzego z'Ibanze bakemura ibibazo mu Karere ka Gasabo mu Murenge wa Nduba*

Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Madamu Yankurije Odette avuga ko ubufatanye bw'Inzego z'Ibanze n'Urwego rw'Umuvunyi bitanga umusaruro ukomeye mu gukemura ibibazo by'akarerengane by'abaturage baba bagejeje ku Rwego rw'Umuvunyi kuko bituma ukuri kujya ahagaragara.

Mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi harimo kwakira no gusuzuma ibibazo abaturage barugezaho; ni muri urwo rwego iyo umuturage abonye yarenganyijwe n'izindi nzego ashobora kwiyambaza Urwego rw'Umuvunyi maze akarusaba ko rwamukorera ubuvugizi kuri ibyo bibazo cyangwa akarenganurwa.

Urwego rw'Umuvunyi nyuma yo gusuzuma akarengane hari igihe biba ngombwa ko rumanuka rukajya aho ikibazo giherereye hagamijwe gusuzuma imiterere yacyo kugira gikemuke neza.

Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no Kurwanya akarengane Madamu Yankurije Odette avuga ko ubu buryo bwo kumanuka bagasuzuma ikibazo bumaze gutanga umusaruro mu rwego rwo gushyira ahagarara ukuri no gutanga ubutabera bwuzuye.

Ati"Turamanuka tukagera aho ikiburanwa kiri tukabaza impande zose tugafatanya n'abayobozi; iyo ari ikibazo cy'ubutaka tubaza buri ruhande ,tukumva abandi batangabuhamya abaturanyi, abayobozi baho ngaho kandi biradufasha mu gukemura ibibazo no kugaragaza ukuri'.Buriya ukuri kuba aho ikibazo kiri ,ukuri ntabwo kuba mu mpapuro ".

Umuvunyi Wungirije kandi akomeza avuga ko gukurikirana ibibazo by'akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rufatanya n'inzego z'ubuyobozi kugira ngo bamenye umwanzuro wafatiwe ikibazo bityo bazabone uko bagikemura mu gihe Urwego rw'Umuvunyi ruzaba rwabibasigiye.

Ati "Ubundi ibibazo ntabwo tuza kubikurikirana aho biri twenyine ,akenshi iyo abaturage batugejeje ibibazo turasuzuma tukabyohereza abayobozi bo mu nzego z'ibanze kugira ngo bagikurikirane

# TURWANYE AKARENGANE

ahubwo bazamenyeshe u Rwego rw'Umuvunyi umwanzuro babifatiye, iyo rero twamanutse turafatanye haba ku karere, ku murenge no ku kagari kuko twebwe tuba turi busubire i Kigali bo bagasigara ,biba ari ngombwa rero ko bamenya umwanzuro wafashwe kandi si navuga ko aba ari umwanzuro w'Urwego rw'Umuvunyi ahubwo ni umwanzuro wavuye aho ngaho mu baturage, ni nk'umwanzuro w'inteko y'abaturage, kuko umwanzuro ufatwa hashingiwe ku byagaragaye aho byose'' .



*Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine ari kumwe n'Abayobozi b'akarere ka Rwamagana n'Inzego z'Umutekano mugukurikirana ibibazo by'abaturage mu murenge wa Muyumbu*

Ubufatanye bw'Inzego z'ibanze n'Urwego rw'Umuvunyi kandi inzego z'ubuyobozi mu Nzego z'Ibanze zirabushima zikavuga ko buzifasha mu kwimakaza imiyoborere myiza n'ubutabera kuko abaturage baba bafashijwe mu gukemura ibibazo by'akarengane.

Madamu Muhimpundu Immaculée, Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka Muhambara ko mu murenge wa Cyahinda mu karere ka Nyarugururu avuga ko iyo Urwego rw'Umuvunyi rwamanutse bifasha abayobozi gukemura ibibazo biba byarananira.

Ati''Nk'uko mubizi rero hari abaturage batsimbarara ku byemezo by'inkiko, cyangwa se akavuga ko atishimiye icyemezo cy'inkiko kubera impamvu, akagana Urwego rw'Umuvunyi, ruramanuka rukaza hano kandi urabona ko ari kure, wenda kera ntabwo wari kubona umuyobozi uje kumva umuturage,Umuvunyi iyo aje muri aka kagari atega amatwi yombi ,yaba urega n'uregwa mbese abaturage bose ,turabashima kuko baba baje kugira ngo babone ibimenyetso bifatika, natwe biradufasha mu gukemura ikibazo''.

Umuyobozi w'akarere ka Nyaruguru Bwana MURWANASHYAKA Emmanuel we avuga ko imikoranire n'Urwego rw'Umuvunyi ari ingezi mu gukumira no kurwanya akarengane ndetse no gukemura ibibazo by'akarengane biba byaragoye akarere mu kubikemura.

Ati: "Urwego rw'Umuvunyi ni urwego rudufasha cyane, usibye n'umuturage uba warwiyambaje, natwe ubwacu hari ibibazo tujya twakira ariko noneho tugasaba Urwego rw'Umuvunyi kudufasha kugira ngo bihabwe umurongo .

Urumva dufatanya mu buryo bubiri kandi tunajyana kureba dukurikije aho ikibazo kiri cyane cyane ibibazo dukunze gufatanya n'Umuvunyi ni ibibazo bijyanye n'amasambu, biradufasha cyane kuko iyo twagiye aho biri bigahabwa umurongo umuturage na we aranyurwa''.

Imikoranire y'Urwego rw'Umuvunyi yo kumanuka rugakurikirana aho ikibazo kibera inashimwa n'abaturage bo mu Murenge wa Cyahinda mu Karere ka Nyaruguru mu ntara y'amajyepfo.

Ndayisenga Gabriel agira ati:''Urwego rw'Umuvunyi tuzi ko ari urwego rukorana n'ubuyobozi bagakemura ibibazo by'abaturage ,rwose turarushimira kuko rumanuka rugakemura ibibazo bagafatanya n'inzego z'ibanze bagakemura ibibazo by'abaturage''.

Undi na we witwa Niyonsenga Agnes agira ati:''Burya iyo umuntu arenganye ukabona uza kumurenganura ntabwo wabura kwishima ,kandi Urwego rw'Umuvunyi rukemura akarenga kandi abaturage barabyishimira''.

# TURWANYE AKARENGANE

Gahunda yo kumanuka rukegera abaturage mu mirenge, Urwego rw'Umuvunyi ruyikora buri gihe aho buri Karere kagenerwa umwanya kazasurwa n'Urwego rw'Umuvunyi hagamijwe gukemurira ibibazo aho biba biri bigakorwa mu Nteko z'Abaturage Inzego zose zihari.



Umwanditsi:MBARUSHIMANA Jean Paul

## IMANZA ZISABIRWA GUSUBIRISHWAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE NI IZIHE? IZIDASABIRWA GUSUBIRISHWAMO ZO NI IZIHE? (IGICE CYA II)

Mu kinyamakuru « Umuvunyi Magazine giheruka twababwiye ko imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ari imanza zaciwe ku rwego rwa nyuma, zikaba zisubirishwamo bitegetswe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Ubu rero muri iyi nomero tugiye kubabwira imanza zidashobora gusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Ariko se ubundi gusaba gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane bikorwa bite ?

## UBURYO GUSABA GUSUBIRISHAMO URUBANZA KU MPAMVU Z'AKARENGANE BIKORWA

Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko riteganya ko Iyo Perezida w'Urukiko wasabwe gusuzuma akarengane mu rubanza ku rwego rwa mbere asanze akarengane kavugwa n'umuburanyi kagaragaramo, ahita yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Iyo Perezida w'Urukiko wasabwe gusuzuma akarengane asanze nta karengane karimo, yandikira umuburanyi abimumenyesha. Iyo uwo muburanyi atanyuzwe, ashobora kwandikira Urwego rw'Umuvunyi asaba ko rwasuzuma ako karengane mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye igihe yaherewe igisubizo na Perezida w'Urukiko wasanze nta karengane kari mu rubanza rwe. Iyo nta karengane Urwego rw'Umuvunyi rubonye, rubimenyesha umuburanyi. Iyo Urwego rw'Umunvunyi rusanze ako karengane kagaragara, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rumusaba ko urubanza rusubirwamo.

Iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asanze akarengane yasabwe gusuzuma kagaragara, yemeza ko urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ruburanishwa n'Urukiko rw'Ikirenga cyangwa akagena urundi Rukiko Rwisumbuye ku rwaciye urubanza bwa nyuma, mu gihe asanze urwo rubanza nta murongo wihariye rwatanga ku zindi Nkiko.

Gusaba ko urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ntibihagarika irangizwa ryarwo. Icyakora, iyo Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza rwongera kuburanishwa ku mpamvu z'akarengane ariko rutararangizwa, irangizwa ryarwo rihita rihagarara kabone n'iyo imihango yo kururangiza yaba yaratangiye.

## TUMENYE IMANZA ZIDASHOBORA GUSABIRWA GUSUBIRWAMO KU MPAMVU Z'AKARENGANE

Urwego rw'Umuvunyi ntirushobora kugira uruhare mu isuzuma ry'akarengane mu rubanza rwabayemo umuburanyi, ariko urwo rubanza rushobora gusabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Ako karengane gasuzumwa na Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma bisabwe n'Urwego rw'Umuvunyi cyangwa uwo baburanye. Iyo igisubizo cya Perezida w'Urukiko kitanyuze umwe mu baburanyi, utanyuzwe yandikira Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko, akaba ariwe usuzuma akarengane kavugwa muri urwo rubanza.

Imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca ntizishobora gusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane

# TURWANYE AKARENGANE

hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko kuko itegeko ritabiteganyije. Izindi manza zidashobora gusabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane ni imanza zitaciwe ku rwego rwa nyuma. Ingingo ya 55, igika cya nyuma, y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rimaze kuvugwa iteganya ko umuburanyi wari ufite uburenganzira bwo kwiyambaza izindi nzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe ariko ntabikore mu gihe giteganyijwe n'amategeko atemerewe gusaba ko urubanza yatsinzwe rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

Imanza zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane ziba zarabanje kuburanishwa n'Inkiko ku rwego rwa nyuma nk'uko byasobanuwe haruguru. Kubera kudasobanukirwa n'imikorere y'izo Nkiko, hari ababuranyi bahita biyambaza Urwego rw'Umuvunyi nyuma yo kutanyurwa n'icyemezo cy'Urukiko kandi bari bagifite uburyo bwo kujuririra ibyemezo byafashwe cyangwa gusubirishamo urubanza iyo rwaciwe umuburanyi umwe atitabye Urukiko cyangwa se uburyo ubwo gusubirishamo izo manza ingingo nshya. Kuba rero amategeko yarateganyije inzira z'ubujurire zisanzwe n'izidasanzwe ku manza ababuranyi batishimiye no gutakambira Perezida w'Urukiko rukuriye urwaciye urubanza ku rwego rwa nyuma mbere yo kwiyambaza Urwego rw'Umuvunyi, izo nzira ziba zigomba kubanza kubahirizwa mbere y'uko umuburanyi utanyuzwe n'icyemezo Urukiko rwafashe mu rubanza rwe aregera Urwego rw'Umuvunyi.

Urwego rw'Umuvunyi kandi ntirushobora kwivanga mu mikurikiranire y'ibyaha cyangwa mu miburanishirize y'imanza zerekeye ibirego byashyikirijwe inzego z'ubutabera. Byumvikane ko ibirego by'imanza zaciwe n'Inkiko bigera ku Urwego rw'Umuvunyi ari uko izo manza zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, ibyo bigakorwa mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) nyuma yo kubona igisubizo cya Perezida w'Urukiko wasuzumye akarengane ku rwego rwa mbere.

Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abaturage kubahiriza ibihe biteganywa n'amategeko mu gusaba ko imanza zabo zisubirishwamo ku mpamvu z'akarengane no gukurikiza inzira ziteganywa n'amategeko zagaragajwe muri iyi nyandiko nk'uko zikurikirana mu gushyikiriza ibyo bibazo byabo inzego zibishinzwe. Iyo bidakozwe nk'uko biteganywa n'amategeko, ibibazo byabo ntibyakirwa n'Inzego zabigejejweho ngo zibisuzume mu mizi kuko biba bitari mu bubasha bw'izo Nzego.

Umwanditsi:NZABAMWITA Anaclet





# TURWANYE AKARENGANE

## Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu turere tunyuranye turimo n'utugize Umujyi wa Kigali



*Umuvunyi Mukuru ari kumwe n'Abayobozi b'akarere ka Nyarugenge muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu turere.*

Ku nkunga y'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Iburayi, Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane mu turere 15 hirya no hino mu gihugu kuva tariki ya 11 Mutarama kugeza tariki ya 24 Werurwe 2022.

Muri rusange ubu bukangurambaga bwabereye mu turere twa Nyabihu, Ruhango, Rwamagana, Gakenke, Rulindo, Nyamasheke, Gicumbi, Nyaruguru, Kayonza, Gatsibo, Rutsiro, Nyanza, Kicukiro, Gasabo na Nyarugenge.

**Ubukangurambaga mu Turere tugize Umujyi wa Kigali**

Uretse mu tundi turere by'umwihariko kuva tariki ya 22 kugeza tariki ya 24 Werurwe 2022, uturere tugize umujyi wa Kigali nitwo twari dutahiwe mu bukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa.

Muri ubu bukanguramba, Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije ndetse n'abandi bakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bigishije abaturage indangagaciro zo gukumira no kwanga akarengane na ruswa, abaturage baboneraho kugeza ibibazo byabo ku Rwego rw'Umuvunyi bagaragaza ko birimo akarengane cyangwa se byakemuwe mu buryo butarambye n'Inzego z'Ubuyobozi zagombaga kubikemura.

Mu rwego rwo gukemura neza ibibazo by'abaturage, muri ubu bukangurambaga abaturage batanga ibibazo byabo mu ruhame, Urwego rw'Umuvunyi rugafatanya n'abayobozi, bimwe bigahita bikemurwa ako kanya, ibindi bigahabwa umurongo w'uburyo byakemuka hagamijwe kurenganura umuturage.

# TURWANYE AKARENGANE

Umuvunyi Mukuru Hon. Nirere Madeleine afatanyije n'Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge Bwana NGABONZIZA Emmy bakiriye ibibazo by'Abaturage batuye muri ako karere mu mirenge ya Kanyinya, Nyakabanda na Nyamirambo bafatanya gukemura ibibazo binyuranye by'abaturage.

Ibyinshi mu bibazo byagejejwe ku Muvunyi Mukuru n' ibijyanye n'ubutaka ndetse n'ibibazo by'Umuryango. Umuvunyi Mukuru yaboneyeho kugira inama abatuye aka karere abasaba kwirinda ubuharike kuko buteza umwiryane mu muryango anabashishikariza kujya bagura ubutaka binyuze mu nzira zemewe n'amategeko kugira ngo hirindwe ibibazo by'ubutaka

Uretse abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bagiye mu mirenge itandukanye y'akarere ka Gasabo bakakira ndetse bagakemura ibibazo by'abaturage, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Madamu Yankurije Odette yakiriye anakemura ibibazo by'Abaturage bo mu karere ka Gasabo mu mirenge ya Gikomero, Jabana na Nduba aho abatuye muri aka karere bamugejejeho ibibazo bimaze igihe bidakemuka akababafasha mu kubikemura kubufatanye n'Ubuyobozi bw'aka karere.



***Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane Madamu YANKULIJE Odette akemura ibibazo mu Murenge wa Nduba ho mu Karere ka Gasabo ku bufatanye n'Ubuyobozi bw'aka Karere.***

Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa Hon. Mukama Abbas yakiriye anakemurira ibibazo abatuye mu karere ka kicukiro mu mirenge ya Masaka, Kanombe na Kigarama.

Hon.MUKAMA Abbas, Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa afatanyije n'Umuyobozi nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro Madame UMUTESI Solange ndetse n'abandi bayobozi muri aka

# TURWANYE AKARENGANE

karere yigishije abatuye aka karere kugira indangagaciro zo kwanga no kurwanya akarengane na ruswa. Yanaboneyeho kwakira ibibazo abaturage bamugejejeho bagaragaza ko birimo akarengane ibyinshi bikemurwa ako kanya hanyu ibindi bihabwa umurongo w'uburyo byakemukamo.

Uretse aho Abavunyi bakiriye ibibazo y'Abaturage, ibibazo byo mu yindi mirenge itandukanye igize utu turere byakiriwe binakemurwa n'abakozi bandi b'Urwego rw'Umuvunyi.



***Hon.MUKAMA Abbas, Umuvunyi Wungirije Ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa ari kumwe n'Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro Madamu UMUTESI Solange mu gukemura ibibazo by'abaturage.***

Ubukangurambaga bwo kurwanya akarengane mu mirenge ubusanzwe ni umwanya wo kumanuka Urwego rw'Umuvunyi rukegera abaturage mu mirenge rukaganira nabo rubigisha indangagaciro zo kwanga akarengane na ruswa ari nako Urwego rukemura ibibazo biba bitarakemuwe n'Inzego bireba.

Muri ubu bukangurambaga, Urwego rw'Umuvunyi rwaboneyeho umwanya wo kongera gusaba abaturage kurushaho kubana mu mahoro birinda amakimbirane kuko adindiza iterambere.

Mu bibazo byakirwa n'Urwego rw'Umuvunyi ibyinshi bihita bikemurwa, ibindi bigahabwa uturere kugira ngo tubikemure mu gihe ibindi bikurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi rukazasubiza abaturage.

Urwego rw'Umuvunyi rwashimiye cyane Ubuyobozi mu Nzego z'Ibanze ndetse n'abaturage bagize uruhare muri ubu bukangurambaga mu turere 15 bwakozwemo muri uyu mwaka.

**Umwanditsi: SAFARI Amri**





# TURWANYE RUSWA

## KOMITE ZO GUKUMIRA NO KURWA RUSWA MU NZEGO ZA LETA, IZIGENGA , SOSIYETE SIVILE NO MUMIRYANGO MPUZAMAHANGA "ANTI-CORRUPTION COMMITTEES"

***1. Impamvu hashyizweho Komite zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo***

Itegeko n° 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa, mu ngingo yaryo ya 3, riteganya ko buri Rwego rwa Leta, Urwigenga, Sosiyete sivile, Imiryango Mpuzamahanga ikorera mu Rwanda bigomba gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira ruswa harebwa niba nta byuho bya ruswa birangwa mu mikorere yabyo. Iyi ngingo iteganya kandi ko izo nzego zose zigomba:

1. Gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira ruswa;

2. Gukorera mu mucyo;

3. Kugaragariza raporo abo igenewe;

4. Kugenzura ko nta bikorwa bya ruswa birurangwamo;

5. Kugaragaza ibyakozwe mu rwego rwo gukumira ruswa igihe rubisabwe n'urwego rubifitiye ububasha;

6. Kugira inyandiko igaragaza uburyo n'igihe ntarengwa ibyemezo bifatwa;

7. Kugira imikoranire myiza n'izindi nzego, hubahirizwa igihe gisabwa mu kugaragaza ibyakozwe cyangwa hatangwa amakuru urundi rwego rwasabye;

8. Kudasumbanya, kudatinza no kudasiragiza abarugana.

Urwego rw'Umuvunyi rusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi umuyobozi w'urwego rutakoze ibiteganywa muri iyi ngingo.

Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwasanze hakwiye gushyirwaho Komite zishinzwe gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego zose nk'uko ziteganywa mu ngingo yavuzwe haruguru kugira ngo zifashe Abuyobozi bakuru ba buri rwego na buri kigo gushyiraho no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa mu Nzego n'Ibigo. Ni muri urwo rwego Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye Inzego zose n'ibigo bya Leta, Urugaga rw'Abikorera (PSF), Ihuriro ry'imiryango ya sosiyete sivile ndetse n'imiryango mpuzamahanga ikorera mu Rwanda binyujijwe muri Minisiteri y'Ububanyi n'amababanga n'Ubutwererane, basabwa ko hashyirwaho Komite zo kurwanya ruswa.

***2. Inshingano n'imikorere bya Komite ishinzwe kurwanya ruswa***

Komite ishinzwe kurwanya ruswa muri buri rwego/ikigo, ifite inshingano zikurikira:

1. gufasha gushyiraho ingamba zihariye zo gukumira no kurwanya ruswa;

2. gukora isesengura ry'imikorere y'urwo Rwego/Ikigo hagamijwe kumenya niba nta byuho bya ruswa bihari;

3. gushyira mu nyandiko ibyuho byagaragaye;

4. gushyiraho imirongo ngenderwaho mu kuziba ibyuho bya ruswa;

5. gutegura ibikorwa by'ubukangurambaga bugamije gukumira no kurwanya ruswa muri urwo Rwego/Ikigo;

6. gukurikirana no gutanga amakuru ku bikorwa byo kurwanya ruswa;

7. gukurikiranira hafi serivisi zikekwamo kugira ibyuho bya ruswa;

8. gutanga inama ku gushimangira ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa mu mikorere y'izo Nzego/Ibigo.

# TURWANYE RUSWA

Kugira ngo izo Komite zibashe gushyira mu bikorwa inshingano zahawe zigomba guterana buri gihembwe ndetse n'igihe cyose bibaye ngombwa kugira ngo zisesengure neza ingamba ziriho n'uburyo bunoze bwo gukumira no kurwanya ruswa muri urwo Rwego/Ikigo kandi igatanga raporo buri gihembwe ku Muyobozi w'Urwego/Ikigo igaha kopi abagize ubuyobozi bw'Urwego/Ikigo. Raporo z'ibihembwe zifasha Umuyobozi w'Urwego/Ikigo guha Urwego rw'Umuvunyi raporo y'ibikorwa buri mezi atandatu.

Buri mwaka, Komite igomba gutegura gahunda y'ibikorwa ikubiyemo ibikorwa byo gukumira no kurwanya ruswa kandi bikagaragara muri gahunda y'umwaka y'urwo Rwego/Ikigo, hanyuma, Komite igategura raporo y'uburyo byashyizwe mu bikorwa kandi bikanashyirwa muri Raporo y'umwaka y'urwo Rwego/Ikigo.

Izo raporo zizafasha Urwego rw'Umuvunyi mu gusuzuma niba buri rwego rwubahiriza ibiteganywa muri Politiki yo Kurwanya Ruswa no mu Itegeko no54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa.

Urwego rw'Umuvunyi kandi runasesengura raporo zitangwa na Komite zishinzwe kurwanya ruswa muri buri Rwego/Ikigo kugira ngo izo ngamba zishimangirwe ku rwego rw'Igihugu.

***3. Icyitezwe kuri komite zo gukumira no kurwanya ruswa muzego z'abikorera***


Ruswa ni umwanzi w'iterambere rya buri wese kandi ishobora kugaragara aho ariho hose mu mikorere ya buri rwego/ikigo, niyo mpamvu urugamba rwo kuyirwanya rusaba guhuriza hamwe imbaraga igahezwa mu nzego zose.

Ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu cyacu cy'u Rwanda, mu rwego rwo guteza imbere Igihugu, bwashyize imbaraga mu bikorera, kuburyo mu nzego zose zigize ubuzima bw'igihugu uhasanga abikorera. Kuri ubu aho igihugu cyacu kigeze abikorera nti bakigaragarira gusa mu bucuruzi ahubwo bafatanya Leta mu gutanga serivisi z'ingenzi zirimo: Ubuvuzi, Uburezi, Ubuhinzi, Ubworozi, Ubwikorezi, Umutekano, n'ibindi. Urwego rw'Abikorera kimwe n'izindi nzego zose, rushobora kurangwamo ruswa mu gihe hatashyizweho ingamba zihamye zo kuyikumira no kuyirwanya, kugira ngo uruhare rwabo rube ntashidikanywaho.

Gahunda yo gushyiraho za Komite zo kurwanya ruswa mu mu nzego z'abikorera kimwe no mu zindi nzego, ni gahunda yitezweho byinshi n'Urwego rw'Umuvunyi ndetse n' Igihugu muri rusange mu kugaragaza ubushake bwa buri Rwego/Kigo mu gukumira no kurwanya ruswa kandi bikaba bizagira umumaro k'urwego rw'Igihugu mu kurwanya ruswa.

Umwanditsi: MUKAMISHA Claudine





# TURWANYE RUSWA

## MBESE RUSWA IZACIKA KOKO?

Nk'uko bizwi ku isi hose, ruswa ni umwanzi w'amajyambere tugomba kwirinda, duharanira kwimakaza umuco w'ubunyangamugayo dushyira imbere inyungu rusange. Ariko abantu bagakunda kwibaza ngo "kuki ruswa idacika?"

Ibikorwa bigize icyaha cya ruswa ni ibi bikurikira nk'uko biteganywa n'itegeko № 54/2018 ryo kuwa13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa :

a) gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke;

b) gusaba, gusezeranya cyangwa gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina;

c) gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango, ikimenyane cyangwa icyenewabo;

d) gukoresha igitinyiro;

e) kudasobanura inkomoko y'umutungo;

f) kunyereza umutungo;

g) gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe;

h) gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro;

i) gusonera bitemewe n'amategeko;

j) kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe;

k) gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite;

## UBUSHAKASHATSI BWA "TRANSPARENCY INTERNATIONAL" KURI RUSWA

Umuryango Mpuzamahanga urwanya ruswa "Transparency International" ukora buri mwaka ubushakashatsi mu bihugu bitandukanye byo ku isi, ukagaragaza aho abaturage babyo bahagaze mu kurwanya ruswa. Ukoresha icyo bita mu ndimi z'amahanga "Corruption Perceptions Index"; tugenekereje mu kinyarwanda twavuga ko ari Igipimo cy'imyumvire kuri Ruswa.

Mu myaka itatu ishize, ni ukuvuga 2019-2020 na 2021, raporo y'uwo muryango yagaragaje ko ibihugu byinshi by'umugabane w'Afurika bifite amanota ari hasi ya 50 ku 100 mu birebana no kurwanya ruswa. Ariko nanone igakomeza igaragaza ko nta karere na kamwe ku Isi katagaragaramo ruswa.

# TURWANYE RUSWA

**Imbonerahamwe ikurikira igaragaza uko ibihugu by'Afurika bihagaze mu rwego rw'Isi, dufatiye ku myaka itatu ishize (2019-2021).**

| UMWANYA / 2021 | IGIHUGU | 2021 | 2020 | 2019 |
|---|---|---|---|---|
| | | Amanota/100 | Amanota/100 | Amanota/100 |
| 23 | SEYCHELLES | 70 | 66 | 66 |
| 39 | CAPE VERT | 58 | 58 | 58 |
| 45 | BOTSWANA | 55 | 60 | 61 |
| 49 | MAURITIUS | 54 | 53 | 52 |
| ***52*** | ***RWANDA*** | ***53*** | ***54*** | ***53*** |
| 58 | NAMIBIA | 49 | 51 | 52 |
| 66 | SAO TOME and PRINCIPE | 45 | 47 | 46 |
| 70 | SOUTH AFRICA | 44 | 44 | 44 |
| 70 | TUNISIA | 44 | 44 | 43 |
| 73 | SENEGAL | 43 | 45 | 45 |
| 73 | GHANA | 43 | 43 | 41 |
| 78 | BURKINA FASO | 42 | 40 | 40 |
| 78 | BENIN | 42 | 41 | 41 |
| 87 | MOROCCO | 39 | 40 | 41 |
| 87 | TANZANIA | 39 | 38 | 37 |
| 87 | ETHIOPIA | 39 | 38 | 37 |
| 96 | LESOTHO | 38 | 41 | 40 |
| 102 | GAMBIA | 37 | 37 | 37 |
| 105 | COTE D'IVOIRE | 36 | 36 | 35 |
| 110 | MALAWI | 35 | 30 | 31 |
| 115 | SIERRA LEONE | 34 | 33 | 33 |
| 117 | ALGERIA | 33 | 36 | 35 |
| 117 | EGYPT | 33 | 33 | 35 |
| 117 | ZAMBIA | 33 | 33 | 34 |
| 122 | ESWATINI | 32 | 33 | 34 |
| 124 | NIGER | 31 | 32 | 32 |
| 124 | GABON | 31 | 30 | 31 |
| 128 | DJIBOUTI | 30 | 27 | 30 |
| 128 | TOGO | 30 | 29 | 29 |
| 128 | KENYA | 30 | 31 | 28 |

| UMWANYA / 2021 | IGIHUGU | 2021 | 2020 | 2019 |
|---|---|---|---|---|
| | | Amanota/100 | Amanota/100 | Amanota/100 |
| 136 | LIBERIA | 29 | 28 | 28 |
| 136 | MALI | 29 | 30 | 29 |
| 136 | ANGOLA | 29 | 27 | 26 |
| 140 | MAURITANIA | 28 | 29 | 28 |
| 144 | UGANDA | 27 | 27 | 28 |
| 144 | CAMEROUN | 27 | 25 | 25 |
| 147 | MADAGASCAR | 26 | 25 | 24 |
| 147 | MOZAMBIQUE | 26 | 25 | 26 |
| 150 | GUINEA | 25 | 28 | 29 |
| 154 | NIGERIA | 24 | 25 | 26 |
| 154 | CENTRAL AFRICAN | 24 | 26 | 25 |
| 157 | ZIMBABWE | 23 | 24 | 24 |
| 161 | ERITREA | 22 | 21 | 23 |
| 162 | CONGO BRAZA | 21 | 19 | 19 |
| 162 | GUNEE BISAU | 21 | 19 | 18 |
| 164 | TCHAD | 20 | 21 | 20 |
| 164 | SUDAN | 20 | 16 | 16 |
| 169 | RDC | 19 | 18 | 18 |
| 169 | BURUNDI | 19 | 19 | 19 |
| 172 | LIBYA | 17 | 17 | 18 |
| 172 | GUINEE EQUATOTIALE | 17 | 16 | 16 |
| 178 | SOMALIA | 13 | 12 | 9 |
| 180 | SOUTH SUDAN | 11 | 12 | 12 |

# TURWANYE RUSWA

Uyu muryango mpuzamahanga "Transparency International" wakoreye ubushakashatsi mu bihugu 180 by'Isi, harimo 53 by'Afurika; imbonerahamwe iri haruguru ikaba igaragaza mbere na mbere umwanya wa buri Gihugu ku rwego rw'Isi hamwe n'amanota cyagize ku ijana, mu mwaka wa 2021. Muri iyo mbonerahamwe, twabagaragarije kandi amanota y'ibyo bihugu mu myaka ya 2019 na 2020.

Tugendeye kuri iyo mbonerahamwe, Afurika ntabwo ihagaze neza mu rugamba rwo kurwanya ruswa, kuko ibihugu byinshi bigize uwo mugabane biri mu myanya y'inyuma.

Ariko bikaba bigaragara ko u RWANDA ruri mu bihugu byitwara neza kugeza ubu , kuko ruri ku mwanya wa 52 ku Isi mu mwaka wa 2021 n'amanota 53/100; rukaza ku mwanya wa 5 muri Afurika nyuma ya SEYCHELLES, CAPE VERT; BOTSWANA na MAURITIUS;

U Rwanda rukaba kandi ruri ku mwanya wa 1 mu bihugu bigize Akarere ka Afurika y'Iburasirazuba (E.A.C) karimo na TANZANIYA ya kabiri, KENYA ya gatatu, UGANDA ya kane, RDC ya gatanu, u BURUNDI bwa gatandatu na SUDANI Y'AMAJYEPFO ya karindwi.

Igihugu cyacu cy'u RWANDA kikaba gifite intego yo kurandura ruswa, ibyo rukazabigeraho kubera gushyiraho amategeko n'amateka atandukanye yo kuyirwanya nk'ubu mu Itegeko No 54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 hakaba harimo ko icyaha cya ruswa kidasaza mu gihe mu myaka ishize cyarasaziraga imyaka itatu.

Abantu nibashyira imbere ubunyangamugayo, bakirinda umururumba n'ubwikunde, bakareka kurarikira amafaranga n'ubutunzi birenze ibyo mu by'ukuri bemerewe n'amategeko, ruswa ishobora kuranduka ku Isi.

Isoko y'inkuru: CORRUPTION PERCEPTIONS INDEX 2021




**Umwanditsi: KANYENGABO Athanase**



# INAMA,UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

## U Rwanda rwakiriye Inama ya 12 y'Abakuru b'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri Commonwealth Africa yabaye tariki ya 3 kugeza ku ya 6 Gicurasi 2022




*Minisitiri w'intebe Rt. Hon. Dr Eduard NGIRENTE Umunyamabanga Mukuru wa Comonwealth Rt. Hon. Patricia Scotland, Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine, Abaminisitiri batandukanye mu Rwanda hamwe n'abahagarariye Inzego zibshinzwe kurwanya ruswa mu Muryango wa Comonwealth Africa bitabiriye iyi nama yabereye i Kigali*

## Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr Edouard Ngirente niwe watangije iyi nama tariki ya 3 Gicurasi 2022 muri Kigali Convention Centre




*Minisitiri w'intebe Rt. Hon. Dr Eduard NGIRENTE atangiza Inama ya 12 ihuza Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri Comonweath Africa*

# INAMA,UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO




*Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine ageza ijambo kubitabiriye iyi nama*

Umuvunyi Mukuru, Nirere Madeleine, mu ijambo rye yashimye abakuru b'inzego zishinzwe kurwanya ruswa ziri muri iri huriro avuga ko ubushake bwa politiki aribwo bwatanze uyu musaruro kandi nk'uko ari umurongo watanzwe n'Umukuru w'Igihugu cy'u Rwanda ko ruswa izakomeza kurwanywa.

Ati "Navuga ko hari intambwe igaragara yatewe, u Rwanda turashaka kugera ku mwanya mbere ku rwego rw'Isi muri 2050. Hari byinshi byakozwe iyo urebye uburyo ikoranabuhanga ryatejwe imbere mu mitangire ya serivisi cyangwa amasoko ya leta asigaye atangwa binyuze kuri Internet."



*Umunyamabanga Mukuru wa Common wealth Rt. Hon. Patricia Scotland ageza ijambo kubitabiriye iyi nama*

Yakomeje agira ati "Byagabanyije uguhura hagati y'utanga serivisi n'uyisaba, nibyo byagabanyije ruswa. Ikindi iyo urebye amafaranga agenda agaruzwa buri mwaka aturuka kuri ruswa n'izindi nzira bijyanye ubona agenda yiyongera."

Umunyamabanga Mukuru wa Commonwealth, Patricia Scotland yavuze ko ibihugu bya Afurika n'Isi muri rusange, bitakaza amafaranga menshi kubera ruswa kandi ikadindiza n'iterambere rikwiye kugezwa ku baturage.

Ati "Ruswa ikoma mu nkokora ubushobozi bw'ibihugu byacu mu kugeza ku baturage bacu iterambere ridaheza ry'imibereho myiza n'ubukungu mu buryo burambye. Iyo urebye amafaranga dukenera kugira ngo tugeze ibyo byose ku baturage n'ayo dufite usanga harimo ikinyuranyo, kandi biterwa na ruswa."

Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard wari umushyitsi mukuru mu muhango wo gufungura iyi nama yagaragaje ko ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi zitandukanye no gushyiraho gahunda yo gukorera ku mihigo mu nzego za Leta, byafashije mu rugamba rwo gukumira no kurwanya

# INAMA,UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

ruswa. Yagize ati "Muri uwo mwuka wo gukumira no kurwanya ubwoko ubwo aribwo bwose bwa ruswa, Guverinoma y'u Rwanda yashyize imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga mu itangwa rya serivisi ku baturage bacu. Kugeza ubu serivisi z'ingenzi zitangwa hifashishijwe ikoranabuhanga."

Iyi nama ibaye ku nshuro ya 12, yitabiriwe n'abayobora inzego zishinzwe kurwanya ruswa, abayobozi muri za Guverinoma zitandukanye, imiryango itari iya leta irwanya ruswa n'akarengane, abadipolomate n'abandi.

Iri huriro ry'Ibihugu bihuriye muri Commonwealth muri Afurika ryashyizweho mu 2011. Riterana buri



*Umuvunyi Mukuru wa Uganda Madamu Beti Kamya-Turwamwe ashyikiriza Umuvunyi Mukuru ububasha nyuma yo kumusimbura ku buyobozi bw'Ihuriro ry'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri Commonwealth Africa*

mwaka, rireba ingamba buri gihugu cyashyizeho zo kurwanya ruswa mu kurushaho kuyihashya muri Afurika.

Rigamije kandi gukomeza intego y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), yo kurwanya no guca burundu ruswa kuri uyu mugabane.

Ihuriro ry'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri Commonwealth Africa rigizwe n'ibihugu 18 aribyo Botswana, Cameroun, Eswatini, Ghana, Kenya, Lesotho, Malawi, Mauritius, Mozambique, Namibia, Nigeria, u Rwanda, Seychelles, Sierra Leone, Afurika y'Epfo, Tanzania, Uganda na Zambia.




**Umwanditsi: MBARUSHIMANA Jean Paul**



# INAMA,UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO




*Bamwe mu bitabiriye Inama ya 12 y'Inzego zishinzwe kurwanya ruswa muri Commonwealth Africa*

**U Rwanda rwatorewe kuyobora ihuriro ry'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza, ishami rya Afurika (Commonwealth Africa)**

U Rwanda rwatorewe kuyobora Ihuriro ry'Inzego zirwanya ruswa mu bihugu 18 bya Afurika bihuriye mu Muryango w'Ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza, Commonwealth Africa, aho rwasimbuye Uganda yari ifite izo nshingano. Amatora yabaye ubwo hasozwaga inama ya 12 y'iryo huriro yaberaga i Kigali hagati ya tariki 3-6 Gicurasi 2022.

Umuvunyi Mukuru muri Uganda, Beti Kamya-Turwomwe ari na we wari umaze igihe ayobora iryo huriro, yashimiye u Rwanda rwakiriye iyi nama anaboneraho umwanya wo kwizeza ubufasha Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda, Nirere Madeleine.

Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda Nirere Madeleine yavuze ko kuba u Rwanda rugiye kuyobora iryo huriro ari iby'agaciro kandi bizatuma rubasha gusangiza ibihugu byo muri Commonwealth Africa, gahunda zarwo mu kurwanya ruswa binyuze mu buyobozi bwiza bw'u Rwanda butihanganira na gato ruswa.

Ati "Muri uyu mwaka tuyoboye tuzagira amahugurwa y'inzego zose, tuzahugura ab'Inteko Ishinga Amategeko, mu Bushinjacyaha, Ubugenzacyaha, abo mu butaka, ziriya nzego zose ari izishinzwe gukurikirana ibya ruswa ndetse no kuyirwanya, ariko na none zikora ku mafaranga ya Leta cyangwa ay'abandi kuko na banki zizamo, ni uko tuzabikora kandi turibwira ko bizatanga umusaruro mwiza".

Kuri ubu mu Rwanda icyaha cya ruswa cyahawe umwihariko mu mategeko y'u Rwanda aho cyagizwe kimwe mu byaha bikomeye kandi nacyo kikaba kidasaza.

Mu myanzuro yafatiwe muri iyi nama y'ihuriro rya 12 ryo kurwanya ruswa muri Commonwealth Africa, irimo kuba ibihugu bya Afurika bigomba gushyira hamwe mu guhashya ruswa.

Hanzuwe ko ibyo bihugu bigiye gushyira imbaraga mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi, kumenyekanisha umutungo n'imvano yawo, gushyiraho amategeko ajyanye n'iryo menyekanisha ry'umutungo ndetse no guhana mu buryo bukomeye abantu bagaragaweho ruswa.

# INAMA,UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Undi mwanzuro ni uwo kugaruza umutungo wa Afurika wagiye unyerezwa n'abantu ukajyanwa hanze y'ibihugu, kuko muri iyi nama hari ingero nyinshi z'imitungo iri hanze zagiye zigaragazwa ariko uburyo bwo kuyigaruza bukaba ikibazo.

***IMYANZURO IRAMBUYE IRI MU RURIMI RW"ICYONGEREZA HANO HASI***

**THE 12TH REGIONAL CONFERENCE AND AGM OF HEADS OF ANTI CORRUPTION AGENCIES IN COMMONWEALTH AFRICA, KIGALI, RWANDA**

**THEME: COMBATTING CORRUPTION FOR GOOD GOVERNANCE AND SUSTAINABLE DEVELOPMENT IN AFRICA**

**RESOLUTIONS**

**WE,** the Heads and Representatives of Anti-Corruption Agencies in Commonwealth Africa, meeting at the twelfth Regional Conference of Heads of Anti-Corruption Agencies in Commonwealth Africa (Conference) and AGM hosted by the Office of the Ombudsman, Rwanda, in collaboration with the Commonwealth Secretariat at Kigali from the 3rd - 6th May 2022,

**APPRECIATING** the invaluable support and warm hospitality provided by the Government of Rwanda, the Office of the Ombudsman of Rwanda, the honour of the presence of Rt. Hon. Edouard NGIRENTE, Prime Minister of the Republic of Rwanda, who opened the Conference,

**FURTHER APPRECIATING** the Commonwealth Secretariat for the support and participation of the Secretary-General of the Commonwealth, Rt. Hon. Patricia Scotland,

**RECOGNIZING** that corruption continues to be a key challenge in the Region and there is a need to strengthen continental and international cooperation and collaboration among the Anti-Corruption Agencies in Commonwealth Africa,

**CONCERNED ABOUT** the heavy losses that Africa suffers as a result of illegal transfers of proceeds of corruption and crime and illicit financial flows out of Africa,

**ACKNOWLEDGING** the benefits of a platform for discussing emerging issues and sharing good practices and Country innovations in the fight against corruption, public sector management practices, the rule of law, transparency and accountability,

**SATISFIED** that a full exchange of views and innovative experiences among Anti-Corruption Agencies and other participants has taken place at the Conference,

**1. RESOLVED to:**

i) pursue both preventive and enforcement measures in the fight against corruption within the unique context of each Country;

ii) strengthen co-operation and partnership with local, regional and both International and Civil Society Organizations and Media;

iii) enhance capacity building of investigators and prosecutors of corruption offences;

iv) convey to their respective Governments the importance of having Integrity Officers and anti-corruption units within Government, Ministries, Departments and Agencies;

v) engage and empower the citizens to demand transparency, accountability and effective service delivery;

**2. CALL upon:**

i) the Secretary-General of the Commonwealth and the Government of the Republic of Rwanda to include Anti-Corruption measures including prioritization of the recovery of proceeds of crime, artefacts and illicit financial flows out of Africa as part of the resolutions of the Commonwealth

# INAMA,UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

Heads of Government Meeting (CHOGM) to be held in Kigali 2022;

ii) Member Governments to adopt and implement legislation on declaration of assets and civil asset recovery and forfeiture as part of anti-corruption measures;

iii) Member Governments to acquire e-governance platforms as part of anti-corruption measures;

iv) Heads of Governments to provide adequate resources to Anti-Corruption Agencies;

v) Heads of Government and international community to strengthen collaboration towards speedy and unfettered repatriation of recovered assets to African Countries;

**3. EXPRESS appreciation to:**

i) the President of the Republic of Rwanda for hosting the Conference;

ii) the Office of the Ombudsman of Rwanda for the warm hospitality extended to the Delegates during their stay in Rwanda and the success of the Conference;

**4. FURTHER EXPRESS** profound appreciation to the Secretary-General of the Commonwealth and Commonwealth Secretariat for the continued support to the Association of Anti-Corruption Agencies in Commonwealth Africa and co-sponsoring and co-organizing the twelfth Conference;

**5. AGREE** that the next Regional Conference of Heads of Anti-Corruption Agencies in Commonwealth Africa in 2023 will be hosted by Seychelles in partnership with the Commonwealth Secretariat;

**6. ELECT** Rwanda, Chief Ombudsman as the Chair and Seychelles Head of Anti-corruption Agency as the Vice-Chair of the Association of the Anti-Corruption Agencies in Commonwealth Africa.

**DECLARED AND SIGNED AT KIGALI - RWANDA, ON FRIDAY 6, MAY 2022**

**URWEGO RW'UMUVUNYI RWASINYANYE AMASEZERANO Y'UBUFATANYE N'URWEGO RUFITE MU NSHINGANO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE MURI QATAR (Administrative Control and Transparency Authority - ACTA)**

Muri Qatar, ku cyumweru, tariki ya 15 Gicurasi 2022, Urwego rw'Umuvunyi mu Rwanda rwasinyanye amasezerano y'ubufatanye n'Urwego rufite mu nshingano kurwanya ruswa n'akarengane rwa Qatar (ACTA) mu guteza imbere ubunyangamugayo no gukorera mu mucyo.

Amasezerano yashyizweho umukono n'Umuyobozi wa ACTA Nyakubahwa Hamad Bin Nasser Al-Misnad hamwe n'Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda Madamu NIRERE Madeleine hari n'Abayobozi ba ACTA.

Mu ijambo rye kuri uwo munsi, Umuvunyi Mukuru w'u Rwanda yavuze ko gushyira umukono ku masezerano y'imikoranire ari ikintu cy'ingenzi kije cyiyongera ku zindi mbaraga zifatika zakozwe na Qatar na Guverinoma y'u Rwanda hagamijwe gushimangira umubano w'ibihugu byombi.

Ati: "Twese tuzi ingaruka mbi za ruswa ku bukungu bw'ibihugu, ku mibereho myiza y'abaturage, ubutabera n'imibereho myiza, ndetse n'umutekano. Kubera iyo mpamvu, hashyizweho uburyo butandukanye mu bihugu byacu, harimo amategeko, ndetse no kuba harashyizweho Inzego zo kurwanya ruswa."

Umuvunyi Mukuru yashimangiye ko u Rwanda, mu cyerekezo rwihaye cya 2050, rushyira imbere kurwanya ruswa, kandi ko rufite intumbero yo kuba mu bihugu bya mbere ku Isi birwanya ruswa. Yasobanuye ko ayo masezerano yashyizweho umukono n'impande zombi, aje mu gihe gikwiye, ni mu gihe u Rwanda rugeze kure rushyira mu bikorwa ingamba z'iterambere rirambye ry'Igihugu (2017-2024) n'icyerekezo rwihaye cya 2050.

Ku ruhande rwe, Umuyobozi wa ACTA Nyakubahwa Hamad Bin Nasser Al-Misnad yavuze ko gushyira

# INAMA,UBUFATANYE N’IZINDI NZEGO

umukono ku masezerano y’imikoranire ari ikindi kimenyetso gishya cyo gushimangira umubano ukomeye hagati ya Leta ya Qatar na Leta y’u Rwanda mu Nzego zose, kimwe muri ibyo bimenyetso akaba ari uguhitamo u Rwanda gutegura umuhango wo gutanga Igihembo cyo kurwanya ruswa kitiriwe ‘Sheikh Tamim Bin Hamad




*Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine asinya amasezerano y’Ubufatanye n’Umuyobozi wa ACTA Nyakubahwa Hamad Bin Nasser Al-Misned*

Al Thani, cyatangiwe mu Rwanda ku ya 9 Ukuboza 2019 mu murwa mukuru i Kigali kuburyo kuva icyo gihe Ikimenyetso Mpuzamahanga Ndangamateka cyo kurwanya ruswa cyashinzwe kuri Convention Centre.

Aya masezerano y’ubufatanye agamije kungurana ubumenyi n’ubunararibonye mu rwego rwo gukumira no kurwanya ruswa hategurwa ingendo zo kwigiranaho udushya mu gukumira no kurwanya ruswa, gushyigikira no guhuza ibikorwa mu nama z’ibihugu bigize ishami ry’Umuryango w’Abibumbye Ushinzwe kurwanya ruswa, UNODC.

Uretse gushyira umukono ku masezerano, Umuvunyi Mukuru w’u Rwanda yanasuye Minisiteri y’Ubutabera, Inama Nkuru y’Ubucamanza, Ubushinjacyaha aho yabonanye na Nyakubahwa Perezida w’Inama Nkuru y’Ubucamanza ya Qatar, Minisitiri w’Ubutabera n’Umushinjacyaha Mukuru wa Leta ya Qatar. Bunguranye ibitekerezo ku ngamba ibihugu byombi u Rwanda na Qatar byifashisha cyane cyane gushyira mu bikorwa gahunda yo kutihanganira na gato ruswa (Zero Tolerance to Corruption).

Aherekejwe na Dr. Hafez Ali, Umuyobozi Ushinzwe kwamamaza n’Itumanaho muri Msheireb, Umuvunyi Mukuru w’u Rwanda kandi yasuye Inzu Ndangamurage ya Msheireb muri Qatar.

# INAMA,UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO



*Umuvunyi Mukuru Madamu NIRERE Madeleine n'umuyoboziwa mukuru wa ACTA Nyakubahwa Hamad Bin Nasser Al-Misned nyuma yo gusinya amasezerano y'ubufatanye*



**Umwanditsi: MBARUSHIMANA Jean Paul**



# TWITOZE KUGIRA UMUCO N' INDANGAGACIRO BY'UBUNYANGAMUGAYO MU KUTARAGIRA IMITUNGO Y'ABAYIHISHE NO GUTANGA AMAKURU KU BAYANDITSEHO

U Rwanda rumaze gutera intambwe ishimishije haba muri Afrika no ku isi mu bikorwa byo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa hagamijwe kwimakaza imiyoborere myiza.

Ubunyangamugayo nk'imwe mu ndangagaciro zirindwi (7) z'ibanze z'u Rwanda (Ubunyarwanda, Gukunda Igihugu, Ubunyangamugayo, Ubutwari, Ubwitange, Gukunda umurimo no kuwunoza, no Kwihesha agaciro) zirufasha kugera ku cyerecyezo rwiyemeje.

Imwe mu nshingano Urwego rw'Umuvunyi rwahawe ziteganywa n'Itegeko No 54/2021 ryo ku wa 29/08/2021 rigenga Urwego rw'Umuvunyi, cyane cyane mu ngingo ya 4, ni ukwakira no kugenzura imenyekanishamutungo ry'Abakozi ba Leta bateganywa n'Itegeko hagamijwe gukumira no kurwanya ruswa mu nzego za Leta.

Mu gushyira mu bikorwa iyo nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rukora igenzura ku nkomoko y'umutungo wamenyekanishijwe n'abo bireba harebwa ko agaciro kawo gahuye n'ukuri kandi ko wabonetse mu buryo bwemewe n'amategeko. Iyo bigaragaye ko hari abantu batababashije gusobanura inkomoko y'imitungo yabo, hakorwa raporo igashyikirizwa Urwego rufite Ubugenzacyaha mu nshingano kugira ngo rubikoreho iperereza.

Imenyekanishamutungo ni igikorwa kigamije gukumira ruswa mu bayobozi n'abakozi ba Leta kugirango batunge umutungo babasha gusobanura aho bakuye hemewe n'amategeko kandi ntibitiranye umutungo wa Leta bashinzwe gucunga n'uwabo bwite. Babayobozi n'abakozi ba Leta bagomba kumenya ko umutungo wa Leta ukoreshwa mu nyungu rusange z'abenegihugu bose.

Byumwihariko igikorwa cy'imenyekanishamutugo ku isi yose cyifashishwa nk'imwe mu ntwaro ikomeye yo gukumira no kurwanya ruswa (to detect illicit enrichment and conflicts of interests+ to detect abuse of public office  and to ensure integrity among public officials)

Urwego rw'Umuvunyi rwagiye rusobanurira abanyarwanda ibijyanye n'inshingano zarwo binyuze mu bukangurambaga bwagiye bukorwa rutanga ibiganiro ku maradiyo, televiziyo, Ikinamico n'ibindi.

Gukumira no kurwanya ruswa ni inshingano za buri munyarwanda kuko akwiye kuba inyangamugayo akanga ruswa kandi agatunga agatoki aho iri hose bityo akaba agize uruhare nyakuri mu kubaka igihugu cye. By'umwihariko abafata ruswa bigwizaho imitungo hakaba igihe bakayandika ku bandi bantu mu rwego rwo kuyihisha. Birakwiye ko buri wese yagira uruhare rwo gutunga agatoki aho iyo mitungo ihishe n'abo yanditseho kugirango bikurikiranwe bityo tugire igihugu kitarangwamo ruswa n'akarengane.

**Ese kudasobanura inkomoko y'umutungo ni icyaha cya ruswa?**

Icyaha cya ruswa giteganywa kandi kigahanwa n'Itegeko N°54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa. Muri iryo tegeko ruswa isobanurwa mu buryo bukurikira:

Igikorwa icyo ari cyo cyose gikorewe mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivili n'imiryango mpuzamahanga ikorera cyangwa ishaka gukorera mu Rwanda, kigamije gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke mu buryo bunyuranyije n'amategeko hagamijwe kwigwizaho umutungo udashobora gusobanura inkomoko yawo cyagwa gukora ishimishamubiri kugira ngo hakorwe umurimo cyangwa igikorwa mu buryo bunyuranije n'amategeko byaba bikozwe na nyir'ubwite cyangwa binyujijwe ku wundi muntu.

# IMIYOBORERE MYIZA

Muri iyo ngingo hagaragazwa ibikorwa 12 biri ku rutonde rw'ibikorwa ruswa igaragariramo, kimwe muri ibyo bikorwa ni icyo ***kudasobanura inkomoko y'umutungo.***

Ingingo ya 9 y'itegeko ryavuzwe haruguru ivuga ku cyaha cyo Kudasobanura inkomoko nk'icyaha cya ruswa, ikavuga ko ***Umuntu wese udashobora gusobanura inkomoko y'umutungo afite ugereranyije n'ibyo yinjiza byemewe n'amategeko aba akoze icyaha.***

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'umutungo adashobora kugaragaza aho yawubonye mu buryo bwemewe n'amategeko.

Birumvikana ko kudashobora gusobanura inkomoko y'umutungo ufite ubwabyo ari icyaha ndetse no kugihishira wandikwaho umutungo udashobora gutanga inkomoko yawo ubwabyo nabyo ni ukuba icyitso cy'uwakoze icyaha mu buryo bumwe, cyangwa ukaba uri umufatanyacyaha cyangwa se ari wowe ufatwa nk'uwakoze icyaha mu bundi buryo kuri icyo cyaha cya ruswa.

**Kuragira imitungo y'abayihishe bigira iyihe ngaruka?**

Zimwe mu mpamvu zagiye zigaragazwa zitera ruswa ni ukubura ubunyangamugayo, kubura uburere, kuba hari abayifata nk'umuco, gushaka gukira vuba, kudakorera mu mucyo ndetse ahanini ugasanga harimo n'ubujiji bw'abaturage badasobanukiwe n'ubufatanyacyaha.

Ruswa igira ingaruka mbi kuko imunga ubukungu bw'igihugu ikadindiza iterambere. Umuntu waka, utanga ruswa cyangwa uyibona itangwa akinumira ngo bitamuturukaho, nta bunyangamugayo aba afite. Umuco wacu w'abanyarwanda udutoza kuba inyangamugayo, nyamara bamwe mu banyarwanda ntibatinyuka kugaragaza abahisha imitungo yabo bayandika ku bandi n'abashumba babo ngo badahura n'ibibazo cyangwa batiteranya. Abo rero batagira ubutwari bwo kugaragaza ikibi, si inyangamugayo. Nk'uko byagaragajwe haruguru, kudasobanura inkomoko y'umutungo ni icyaha gihanwa mu matgeko y'u Rwanda ndetse hashobora kuvukamo n'ibindi byaha uwakoze icyo cyaha ashobora gukurikiranwaho akabihanirwa.

**Ni iki cyakorwa kugirango uyu muco mubi ucike?**

Fatanya n'Urwego rw'Umuvunyi kurwanya ruswa n'akarengane utanga amakuru ku mitungo idafite inkomoko y'ukuri ukoresheje uburyo bwashyizweho n'Urwego rw'Umuvunyi aribwo guhamagara kuri nimero itishyurwa 199, kohereza ubutumwa bugufi (SMS) kuri nimero itishyurwa 1990, kohereza ubutumwa unyuze kuri website y'Urwego rw'Umuvunyi: www.ombudsman.gov.rw, cyangwa ukohereza ibaruwa ku Rwego rw'Umuvunyi ku gasanduku k'iposita: 6269. Ushobora kandi gushyira ubutumwa mu dusanduku tw'ibitekerezo turi ahantu hatandukanye ku nzego za Leta ,twashyizweho n'Urwego rw'Umuvunyi.

N'ubwo hari itegeko rirengera uwatungiye agatoki ruswa, ariko haracyagaragara intege nke mu gutanga amakuru mu nzego zitandukanye. Ubushakashatsi bwakozwe bwagaragaje ko abakozi ba Leta ari bo batanga amakuru kuri ruswa ku kigero gishimishije cya 81%, mu gihe abikorera ndetse n'imiryango itari iya Leta, abaturage n'itangazamakuru batanga amakuru ku kigero cyo hasi kingana na 11.8%. Kugirango umuco mubi wo guhisha imitungo yabonetse mu buryo budakurikije amategeko ucike mu Rwanda hakwiye ubufatanye, kubaka umuco wo gutanga amakuru y'ahari umutungo uragiwe, kumenyekanisha abashumba b'iyo mitungo ndetse no gutangaza ba nyir'umutungo.

Tanga amakuru kuri ruswa wirengere ubwawe bityo kandi uzaba ukumiriye ingaruka mbi ruswa

# IMIYOBORERE MYIZA

ishobora kukugiraho ndetse no ku Gihugu cyawe. Urwego rw'Umuvunyi rurizeza abanyarwanda bose ko utanze amakuru kuri ruswa agirirwa ibanga, itegeko rikaba rimurengera kandi n'umutekano we ukaba ari ntamakemwa kuko amakuru atanze agirwa ibanga kandi n'ubwo yajyanwa mu nkiko akomeza kugirwa ibanga. Itegeko N°44 bis/2017 ryo kuwa 06/09/2017 rirengera abatanga amakuru ku byaha, ku bikorwa n'imyitwarire binyuranyije n'amategeko ryagiyeho kugira ngo rirengere abo baturage kandi rirakurikizwa.

Abashinzwe gutanga amakuru bateganywa mu ngingo ya 7 y'Itegeko N° 038/2021 ryo ku wa 28/07/2021 rihindura Itegeko n° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, baributswa gutanga amakuru kandi bakuzuza inshingano zabo uko bazisabwa n'iryo tegeko kuva ku ngingo ya 8 kugeza ku ya 25.

Banyarwanda twese dutange umusanzu wo kubaka igihugu kizira ruswa n'akarengane, duharanire kuba inyangamugayo dutunga agatoki imitungo yanditswe ku bandi n'abayiragiye kuko ubunyangamugayo ni inkingi ikomeye mu kurwanya umururumba, ubusambo, inda nini n'indi mico mibi.



Umwanditsi: MUNEZERO Raissa Joyeuse






# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

## Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye Abantu batandukanye ku bubi bwa ruswa n'akarengane bashishikarizwa kwanga umugayo



*Bamwe mu Bunzi bo mu Karere ka Gicumbi bitabiriye amahugurwa yateguwe n'Urwego rw'Umuvunyi ku bubi bwa ruswa*

Kuva ku itariki 2 Gashyantare 2022, Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye guhugura ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda ku bubi bwa ruswa n'Akarengane ndetse n'imyitwarire y'abayobozi.

Iyi gahunda yatangiranye no guhugura abagize Komite z'Abunzi mu turere twa Huye, Muhanga na Gicumbi ahahuguwe abunzi 150 bari bahagarariye abandi baturutse mu mirenge itandukanye igize utu turere. Nk'uko kwigisha abaturarwanda indangagaciro zo kurwanya ruswa n'akarengane biri mu nshingano z'Urwego rw'Umuvunyi aya mahugurwa yahawe Abunzi kubera ko ari abantu bunganira ishyirwa mu bikorwa ry'ubutabera mu Rwanda kandi ibyemezo bafata bikaba bihinduka itegeko mu gihe bitajuririwe ku Rukiko rw'Ibanze. Ibi bituma rero abagize Komite y'Abunzi iyo batabaye inyangamugayo bashobora kurya ruswa ndetse bagateza akarengane gakomeye ku muturage.

Abahuguwe bagaragaje ko bishimiye guhabwa aya mahugurwa n'Urwego rw'Umuvunyi ndetse banagaragaza ahari ibyuho bya ruswa mu kazi kabo ka buri munsi. Urwego rw'Umuvunyi rwaboneyeho gusaba abagize Komite z'Abunzi kumenya ko kuba badahembwa idakwiye kuba intandaro yo kwishora muri ruswa ahubwo ku bakwiye gukora bakiteza imbere kuko akazi ko kunga batagakora buri munsi kandi ko ubwangamugayo ari bwo buzabafasha muri byose.

## Urwego rw'Umuvunyi rurasaba abakorera mu turere twa KARONGI, NGOMA na RUBAVU gukaza ingamba zo kurwanya ruswa n'abayobozi bakagira imyitwarire iboneye

Kuva kuwa 14 kugeza tariki 18 Gashyantare 2022, mu turere twa NGOMA, KARONGI na RUBAVU, Urwego rw'Umuvunyi rwatanze amahugurwa ku byiciro binyuranye by'abanyarwanda ku ndangagaciro zo gukumira no kurwanya Ruswa ndetse n'itegeko rigenga imyitwarire y'abayobozi.

# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

Abahawe amahugurwa ni:

• Abanyamakuru 30,

• Urubyiruko rwibumbiye muri Clubs zo kurwanya ruswa 90,

• Abunzi 150,

• Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego rw'imirenge 114,

• Ba Noteri b'ubutaka n'Abagenzuzi b'imyubakire 54 mu mirenge igize utu turere,

• Abagize za komite zo kurwanya ruswa mu bigo bitandukanye bakoramo 136.

Aya mahugurwa kandi yaje yiyongera ku yatanzwe mu turere twa Huye, Muhanga, Gicumbi, Rusizi, Musanze, Kayonza aho abahuguwe bose bagaragaje ko aya mahugurwa ari ingenzi kuko abafasha kumenya uburyo bakwiye kwitwara mu kazi kabo ka buri munsi birinda ahantu hose hashobora guturuka ibyuho bya ruswa.

Urwego rw'Umuvunyi rusanga aba bahuguwe bari mu mwanya ukomeye cyane ku buzima bw'Abaturage bityo bikaba byari ngombwa kwigishwa kuko baramutse bijanditse muri ruswa cyaba ari igihombo gikomeye ku Gihugu.

Uretse aba bahuguwe ndetse n'abazakomeza



*Abagize Inama Ngishwanama zo kurwanya akarengane na ruswa ku rwego rw'Umurenge mu Karere ka Rubavu bahuguwe n'Urwego rw'Umuvunyi*

guhugurwa, Urwego rw'Umuvunyi rurasaba abanyarwanda ndetse n'abaturarwanda muri rusange kugira umuco w'ubwangamugayo, bakanga ruswa, bakayikumira ndetse aho bayibonye bakabimenyesha Urwego rw'Umuvunyi ndetse n'izindi nzego zashyizweho.

Abashinzwe Ubutaka mu Mirenge basabye Urwego rw'Umuvunyi kubavuganira zimwe muri serivisi batanga zikarushaho kunozwa cyane cyane izikorwa binyuze muri za Systeme kuko habaho ubwo umuturage yarenga cyangwa agahabwa serivisi nabi biturutse kuri za serivisi zitanoze.

Abagize Inama Ngishwanama bibikijwe ko kurwanya akarengane na ruswa mu bnyarwanda ari bo bishingiyeho ko bakwiye gukomeza kubikorana umurava.

Abahuguwe bashimiye Urwego rw'Umuvunyi ku bwo gutegura aya mahugurwa barwizeza gukomeza ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane.

# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

## Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye Abanyamakuru bakorera mu Turere twa Huye, Muhanga, Gicumbi, na Karongi hamwe n'Urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe yo kurwanya ruswa n'akarengane muri utwo turere



*Abanyamakuru bakorera mu Karere ka Karongi ubwo bari bamaze guhabwa amahugurwa n'Urwego rw'Umuvunyi*

Mu kwezi kwa Gashyantare 2022, muri gahunda yo guhugura ingeri zinyuranye z'abanyarwanda, Urwego rw'Umuvunyi rwahuguye Urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe yo kurwanya ruswa n'Akarengane mu Turere twa Huye, Muhanga, Gicumbi na Karongi

Hahuguwe kandi n'abanyamakuru bakora mu bitangazamakuru binyuranye bikorera muri utu turere aho bose hamwe bagera 140.

Bahuguwe ku bubi bwa ruswa n'akarengane ndetse basobanurirwa impamvu zo kuyirwanya haganirwa ku byuho binyuranye bishobora gutuma urubyiruko n'abanyamakuru bijandika muri ruswa.

Abahuguwe kandi basobanuriwe ibikubiye mu itegeko rigenga imyitwarire y'abayobozi kuko ari bo bayobozi b'u Rwanda mu gihe kiri imbere bakaba basabwa kuzitwara neza. Basabwe gutanga umusanzu wabo mu gukumira no kurwanya ruswa baharanira kuba inyangamugayo.

Bishimiye aya mahugurwa kuko yabunguye ubumenyi ku mategeko banibutswa ko u Rwanda rufite politiki yo kurwanya ruswa kandi igomba gushyirwa mu bikorwa 100%.

**Umwanditsi: SAFARI Amri**



# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

## Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye ibikorwa byo kwigisha indangagaciro zo kwanga, gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane mu mashuri yisumbuye.



*Abanyeshuri ba Ecole Secondaire BUMBOGO mu Karere ka Gasabo bahuguwe n'Urwego rw'Umuvunyi*

Guhera muri Gicurasi kugeza Kamena 2022, Urwego rw'Umuvunyi rwatangiye ibikorwa byo kwigisha indangagaciro zo kurwanya ruswa mu cyiciro cy'urubyiruko rwiga mu mashuri yisumbuye.

Muri uyu mwaka wa 2022, Urwego rw'Umuvunyi rwahereye ibi bikorwa byo kwigisha mu Turere twa Gasabo, Kicukiro na Nyarugenge abanyeshuri biga mu mashuri 9 ariyo **Lycée Notre Dame de Citeaux, College de Butamwa, Lycée de Kigali, St André Nyamirambo, E.S Kagarama, E.S Kanombe/ EFOTEC, FAWE Girls, E.S Bumbogo, Paroisse Karoli Rwanga.**

Iyi gahunda gahunda igamije kwigisha urubyiruko rukagira ubumenyi kuri ruswa n'ububi bwayo, amategeko ayihana, uburyo bwo kuyigaragaza no kuyikumira. Urubyiruko kandi ruhabwa urubuga rwo kutanga ibitekerezo n'ibibazo kuri iyi ngingo yo kurwanya ruswa n'akarengane.

Uretse mumujyi wa Kigali, Urwego rw'Umuvunyi rwhuguye abanyeshuri biga mu mashuri ari mu karere ka Huye arimo Lycée de Rusatira, GS Gatagara, EAV Kabutare, GS Butare Catholique, GS Kotana n'ahandi hagamijwe kungura ubumenyi urubyiruko iyi gahunda kandi izajya ikorwa muturere tunyuranye mu mashuri yisumbuye.




**Umwanditsi: SAFARI Amri**



# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

**Urwego rw'Umuvunyi rwakoze ubukangurambaga bwo kurwanya akarengane na ruswa mu Turere twa Rulindo, Nyanza, Huye, Rutsiro na Gakenke hanakirwa ibibazo by'abaturage 266**



*Hon. Mukama Abbas yakira ibibazo mu Karere ka Nyanza*

Kuwa gatanu tariki ya 11 Gashyantare 2022, Urwego rw'Umuvunyi rwasoje ibikorwa by'ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya akarengane mu turere twa **Nyanza, Huye, Gakenke, Rutsiro na Rulindo.**

Ni ubukangurambaga bwatangiye kuwa mbere tariki 07 Gashyantare 2022 muri utu Turere bukaba bugamije gukumira no kurwanya akarengane hatangwa ubutumwa bwo kurwanya akarengane na ruswa kuko itera akarengane.

Uretse gutanga ubutumwa binyuze mu bitangazamakuru binyuranye, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye kandi runakemura ibibazo by'abaturage byari byarananiranye mu zindi nzego maze ku bufatanye n'Ubuyobozi bwa buri Karere ibibazo bitahise bikemurwa bihabwa umurongo uhamye bigomba gukemurwamo.

Muri rusange ibibazo Umuvunyi Mukuru, Abavunyi bungirije ndetse n'Abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bakiriye hirya no hino mu mirenge igize utu turere byiganjemo iby'amakimbirane ashingiye ku butaka, ingurane ndetse n'ibyemezo by'abunzi n'abacamanza bidashyirwa mu bikorwa.

Itsinda ryari kumwe n'Umuvunyi Mukuru **Hon. NIRERE Madeleine** muri ubu bukangurambaga ryakiriye ibibazo 81, muri byo 29 byahise bikemuka, 51 byahawe umurongo bisigirwa Akarere kugira ngo kazabikemure gatange raporo mu gihe cy'amezi abiri naho ikibazo 1 kikazakurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu karere ka Gakenke, Umuvunyi wungirije **Hon.**



*Umuvunyi Mukuru yakira ibibazo by'Abaturage mu Karere ka Rulindo*

**YANKULIJE Odette** hamwe n'itsinda yari ayoboye muri ubu bukangurambaga bakiriye ibibazo by'Abaturage 73 muri byo 35 bihita bikemuka, 34 bisigirwa akarere ngo kazabikemure gatange raporo y'uburyo byakemutse ku Rwego rw'Umuvunyi.

Itsinda ryari riyobowe n'Umuvunyi Wungirije Hon.



*Madamu YANKURIJE Odette ubwo yari mu Karere ka Gakenke*

MUKAMA Abbas mu karere ka Nyanza ryakiriye ibibazo 69 aho muri ibyo 29 byakemutse, 38 bikazakomeza gukurikiranwa n'Akarere ka Nyanza

# IBIKORWA BY'URWEGO RW' UMUVUNYI

naho 2 bikazakurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Mu Karere ka Rutsiro, Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi Bwana MBARUBUKEYE Xavier hamwe n'itsinda bari kumwe bakiriye ibibazo by'abaturage 43, hakemuka 14, hanyuma 24 bisigirwa akarere, Urwego rw'Umuvunyi rukazakomeza gukurikirana ibibazo 4 naho ikibazo 1 kikaba kizohererezwa akarere ka Rubavu.

Abayobozi muri utu turere ndetse n'abaturage bavuze ko bishimiye iki gikorwa cy'Urwego rw'Umuvunyi kuko bifasha impande zombi kumanuka bakareba ibibazo abaturage bafite bakabikemura kuko usanga bimwe muri byo biba byaratewe no kurangaranwa.

Abayobozi b'Urwego rw'Umuvunyi bashishikarije abaturage kugana inzego zikabafasha ku bibazo bagira kuko ari cyo inzego zashyiriweho mu rwego rwo kwirinda gutindana ibibazo byabo kuko gutinda bishobora gutuma barengana. Abayobozi mu nzego z'ibanze kandi basabwe kurushaho kwita ku baturage bayobora mu buryo bwose bushoboka cyane cyane babarinda kuba barengana kuko umuturage agomba guhora ku isonga.

Ubu bukangurambaga buzakomereza mu tundi turere abaturage bakomeze kwigishwa kurwanya ruswa n'Akarengane.



**Umwanditsi: SAFARI Amri**



# INKURU ISHYUSHANYIJE



# INKURU ISHYUSHANYIJE






URWEGO RWUMUVUNYI

# UMUVUNYI MAGAZINE

BP 6269 Kigali - Rwanda

Tel: +250 587308/09, Fax: 587182

Email: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw

www.ombudsman.gov.rw